REPUBULIKA Y'U RWANDA
UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO

# ITANGAZO

**Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo burashishikariza abaturage bose kwirinda Indwara y'Ubuganga bwo mu Kibaya cya Rift Valley (Rift valley Fever) bakora ibi bikurikira:**

1. Gukingiza inka, ihene n'intama zose zidahaka kandi zirengeje amezi atatu zivutse;
2. Koza/gufuherera neza inka, ihene n'intama inshuro ebyiri mu cyumweru bakoresheje umuti witwa Permapy Plus uhabwa aborozi nta kiguzi,
3. Abaturage bose barasabwa kwirinda gukorakora ku nka, ihene n'intama kuko Indwara y'Ubuganga bwo mu Kibaya cya Rifuti ifata n'abantu,
4. Kwirinda kuzerereza amatungo akaguma mu biraro,
5. Gusiba ibinogo no gutema ibihuru cg ahandi hose hashobora kwihisha umubu no kuhororokera biri hafi y'ingo n'ibiraro cyangwa ibibuti,
6. Kunywa amata atetse neza no kurya inyama zitetse neza kandi zaguzwe ku bacuruzi bakura inyama ku mabagiro yemewe kuko mbere y'uko ayo matungo abagwa abanza gusuzumwa niba atarwaye,
7. Gutanga amakuru ku bantu, nka, ihene n'intama zikekwa ko zaba zirwaye Ubuganga ndetse n'andi makuru yose ajyanye n' Ubuganga,
8. Ibimenyetso by'ibanze by'indwara y'ubuganga ni: kuva amaraso mu mazuru no kugira umuriro mwinshi.

Kwirinda biruta kwivuza!